**AMASHURI YISUMBUYE**

**IKICIRO RUSANGE**

**UMWAKA WA KABIRI**

**IKIZAAMIÎNI K'ÎKINYARWAANDA/60**

a. ***Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
   - *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
   - *Ikibonezamvugo*
   - *Ubuvanganzo*

b. ***Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita no ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.***

---

**Umwandiko**:

1. Ngo nkubwire agakuru nkuye iwacu
Usibe none usibe uw'ejo
Ngo ejobundi hazaza urungano.
Harimo abo tuzi neza twareranywe
Barimo benshi dukumbuye
Twibuka ibyiza dusangiye
Ntagisumba umuto
Mwareranywe mu ngobyi.

***Inyikirizo:*** *Ni umugambi twubaha*
*Ni umurage twimitse rungano jya mbere*
*Rungano sugira*
*Rungano nkwibuke nkwizihize, nkogeza*
*Nkuvuge nkuririmbe n'ejo.*

2. Inzira z'urungano ni nyinshi cyane
Nk'amashuri, itorero urimo,
Aho ukorera ndetse n'intambara.
Aho hose ni iwabo w'urungano
Nta n'uwacikwa ngo ateshuke
Cyangwa yirenge abirahire
Y'uko azibera ukwe
Adataramana n'urungano.

3. Urungano mwumva narwo ruri ukwinshi:
N'abakambwe b'imvi nyinshi
B'utubando babamo urungano
Mu batoya bo indirimbo ni urungano
Mu bikwerere ni yo mbyino
Mu bihumuza ni yo mvugo
Ntaho utatira umutwe
Mwiza w'urungano.

4. Kungana n'undi burya ni igihango.
Uba intati, umena ibanga,
Uwanga abandi kiramusarika.
Ni ukuremerwa intango idacubangana.
Ntawe uyitunga igicagate,
Ntawe uyicaguramo inshuro,
Usanga isesuye,
Isendereye urugara.

5. Urungano rwiza ni nko kota ikome.
N'iyo ukonje uhinda umushyitsi,
Iyo urusanze uhita usussuruka.
Kandi umwe muri bo ni nk' umwase benyegeza.
Iyo urwinjiyemo umera nk'ishashi,
Ridacumbeka ngo ribe ikara, usanga wakirana,
No mwijima uri rumuri.

A. **KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO /11**

1. **Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko /7**
   ***Ca uruziga ku nyuguti ijyanye n'igisubizo nyacyo.***

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
   a. Umugani **b**. Ikivugo **c.** Inshoberamahanga **d.**Umuvugo **e.** Indirimbo

2. Uyu mwandiko wahimbwe na nde?
   a. Sebanani Andereya **b.** Jeyi Poli **c.** Rujindiri **d.** Rugamba Sipiriyani **e.** Alegisi Kagame

3. Tahura umutwe w'uyu mwandiko.
   a. Agakuru **b.** Nkuririmbe n'ejo **c.** Rungano **d.** Umugambi **e.** Umurage

4. Urungano ruri ukungahe ukurikije ibitekerezo by'umuhimbyi ?
   a. Ukubiri **b.** Ukwinshi **c.** Ugutatu **d.** Ukune **e**. Ugutanu.

5. Guhemukira urungano umuhanzi abyita ngo iki?
   a. Kuba intati **b.** Kungana n'undi **c.** Kuremerwa intango **d.** Gusarika **e.** Byose ni byo.

6. Uhemukiye urungano amererwa ate?
   a. Amererwa neza **b.** Arapfa **c.** Yota ikome **d.** Arafungwa **e.** Ararwara.

7. Urungano rwiza umuhimbyi arugereranya n'iki?
   a. Gususuruka **b.** Umwase benyegeza **c.** Kota ikome **d.** Ikome **e**. Ishashi

2. **Sobanura aya magambo nk'uko yakoreshejwe mu mwandiko /4**
   1. Urungano: ……………………………………………………………………………………
   2. Nkuririmbe n'ejo: ……………………………………………………………………………
   3. Kiramusarika: ………………………………………………………………………… ………
   4. Intati:……………………………………………………………………………

B. **IKIBONEZAMVUGO/43**

3. **Vuga ubwoko bw'amagambo yagaragajwe mu mwandiko/5**
   a. Ibyiza: ………………………… b. Nyinshi:…………………… c. Aho:…………………………
   d. Ruri:……………. ……….. e. Abandi:…………………………….

4. **Garagaza intêgo n'inteko by'amagambo akurikira/4**
   a. Agakuru:……………………………………………………………………
   b. Nyinshi: …………………………………………………………….
   c. Ishashi:……………………………………………………………………
   d. Inzuzi (imigezi):…………………………………………………………

5. **Ni iyihe mimaro y'amagambo yaciweho akarongo?/5**
   a. Abanyeshuri bigana impuzankano y'ubururu………………………………
   b. Za nzoga zanyoye abavumbyi. ……………………………………
   c. Kera nabaga i Gasabo. …………………………………
   d. Karahanyuze. …………………………………
   e. Kubaha abakuruta n'abo uruta ni ikinyabupfura**.** …………………………………

6. **<u>Kosora izi nteruro ukurikije imyandikire nyayo y'Ikinyarwanda</u>/3**
    a. Mwari mwaragiye he. ………………………………………………………………………….
    b. Situzi icyivugo cye. ………………………………………………………………………..
    c. Nahize mu mwaka w'ibihumbi bibiri na gatanu. ……………………………………………….

7. **<u>Kora amazina</u>/4**
    a. Kora izina wifashishije akabimbura. ………………………………….
    b. Kora izina wifashishije umusuma. ………………………………….
    c. Kora izina wifashishije igicumbi kisubiramo. ………………………………….
    d. Kora izina ushingiye ku ndomo. ………………………………….

8. **<u>Shyira inshinga zikurikira mu bihe weretswe.</u>/3**
    a) We (kutaza: impitakera) mu birori by'umuvandimwe we………………….
    b) Nge (kutanywa:indagihe y'igikomezo/ ikomeza) neza………………………
    c) Izuba (kuva:indagihe y'ubusanzwe) cyane mu Ki……………………..

9. **<u>Garagaza intêgo n'amategeko y'igenamajwi by'inshinga zikurikira</u>/4**
    a. Kuremerwa: ……………………………………………………………….
    b. Kunywesha: ……………………………………………………………..
    c. Gutuzwa: ………………………………………………………………….
    d. Kujyana: …………………………………………………………………..

10. **<u>Ikeshamvugo</u> / 5**

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| **a.** Kuvomera inka | |
| **b.** Amata yaraye ataravura | |
| **c.** Kubika igisabo | |
| **d.** Kugura ingobyi | |
| **e.** Gutangira gusya | |
| **f.** Kubaza ingoma | |
| **g.** Gupfa k'umwami | |
| **h.** Imbwa nyinshi | |
| **i.** Inzu y'impyisi. | |
| **j.** Shangazi | |

11. **<u>Tanga imbusane z'aya magambo</u> /4**
    **a.** Benshi #…………………..
    **b.** Kugandira #**.**……………………….
    c. Iyo ukonje # ………………………..
    d. Gusumsuruka # ……………………

12. **<u>Sobanura</u>/ 2**
    **a.** Impuzashusho………………………………………………………………………
    ………………………………………………………………………………………………
    ……………
    **b.** Ingwizanyito………………………………………………………………………
    ………………………………………………………………………………………………
    …………

13. **<u>Tahura imvugakimwe z'aya magambo.</u>/4**
    a. Ikiyoni #..............................
    b. Uruho #..............................
    c. I Burayi #..............................
    d. Umurava #..............................

C. **<u>UBUVANGANZO</u>/6**

14. **<u>Sobanura inshoberamahanga zikurikira </u>/3**
    a. Kubika umuntu: ........................................................................
    b. Kugwa gitumo: ..............................................................
    c. Kuza nk'iya Gatera: ....................................................

15. **<u>Uzuza imigani migufi ikurikira </u>/3**
    a. Inyabizi ibyara ..........................................
    b. Urigira ukihaza,......................................................
    c. ..............................................................................yitiginyura inshuti.
    d. Imburagihana........................................
    e. ................................................asiga umubiri.
    f. Ufite gisegura................................................

---